# ITANGAZO

## GUSABA ABABYEYI N'ABAYOBOZI B'AMASHURI GUFASHA ABANYESHURI BAZAKORA IKIZAMINI CYA LETA GUSHAKA IBYANGOMBWA

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kirasaba ababyeyi n'abayobozi b'amashuri gufasha abanyeshuri bazakora ikizamini cya Leta gushaka ibyangombwa bikenerwa mu kwiyandikisha kuzakora ikizamini cya Leta. NESA iributsa ababyeyi n'abayobozi b'amashuri ko umunyeshuri wataye ibyangombwa bye aribo bamufasha gusaba ibindi bibisimbura banyuze ku rubuga rwa NESA arirwo www.nesa.gov.rw ahanditse ijambo " Services " mu rwego rwo kwirinda ko umwana acikanwa n'amasomo ashaka ibyangombwa.

Uwifuza gufasha umunyeshuri gukosoza imyirondoro yohereza ibyangombwa bikurikira kuri email ya NESA ariyo namescorrection@nesa.gov.rw

1. Icyemezo cy'amanota asoza icyiciro cy'amashuri abanza (P6 Results Slip)
2. Icyemezo cy'amanota asoza icyiciro rusange (S3 Results Slip)
3. Kopi y'impamyabumenyi (Certificate) ku barangije icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye.
4. Kopi y'indangamuntu.
5. Inyandiko y'ivuka cg izindi nyandiko z'ingenzi zakwifashishwa mu gukosora imyirondoro.
6. Ibaruwa isobanura neza ubusabe bw' umunyeshuri ukeneye serivise.

Ku basaba serivise zikurikira: (a) *Guhinduza amazina cyangwa indi myirondoro byabo*, (b) *Kongera izina cyangwa amazina ku myirondoro*, (c) *Gukuramo izina cyangwa amazina mu myirondoro*, cyangwa (d) *Guhindura amazina y'umubyeyi cyangwa y'ababyeyi bombi*, Basabwa gutanga imwe mu nyandiko zikurikira zimuha uburengazira bwo guhindurirwa imyirondoro:

i. Igazeti ya Leta imwemerera guhindura imyirondoro.
ii. Ibaruwa itangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe indangamuntu (NIDA) igaragaza ko usaba yaba yarigeze guhindura imyirondoro mu buryo bwemewe n'amategeko.
iii. Imyanzuro y'urukiko itegeka ihinduka ry'imyirondoro cyangwa ihuzwa ry'imyirondoro y'usaba.

Ku bindi bisobaniro mwahamagara kuri nomero ya telefone itishyuzwa ariyo **9070** mu masaha y'akazi.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21/02/2024.

**Ubuyobozi bwa NESA**